WIKIPEDIA

# *Imigani migufi y'Ikinyarwanda*

imigani migufi y'Ikinyarwanda

Natwe utinda adahambira



*Imbyino gakondo*



*(Rwanda cultural house) (Inzu yagize amateka mu Rwanda izwi nka NYAKATSI*



*Uburyo abantu bo hambere bambaraga bakikwiza maze bagasabana bacirirana imigani migufi ariko bagamije gukebura cyangwa kwigisha bamwe murimo bagaragaje imico mibi cg imyitwarire idahwitse*

# imigani yaseburikoko

| |
|---|
| Ababiri bajya inama baruta umunani urasana. |
| Ababiri baruta umwe. |
| Ababiri bashyize hamwe baruta umunani barasana. |
| Ababiri bateranya abeza. |
| Ababiri bica umwe. |
| Ababiri bishe imbwa y'umwami. |
| Ababiri ntibacibwa inka. |
| Ababurana ari babiri umwe aba yigiza nkana. |
| Abacuranye ubusa basangira ubundi. |
| Abadapfuye ntibabura kubonana. |
| Abagabanye imbisi (inyama) ntibagabana umufa. |
| Abagabo babiri ntibabana mu nzu imwe. |
| Abagabo bararya imbwa zikishyura. |
| Abagira amenyo baraseka. |
| Abagira amenyo ni museke. |
| Abagira inyonjo bagira ibirori. |
| Abagira iyo bajya baragenda. |
| Abagiye inama Imana irabasanga. |
| Abagore bagira inzara ntibagira inzigo. |
| Abagore baragwira. |
| Abahigi benshi bayobya imbwa (uburari). |
| Abakingiranye ingabo ntibakingirana inyegamo. |
| Abalinzi bajya inama inyoni zijya iyindi. |
| Abantu bibuka imana iyo amakuba yababanye menshi. |
| Abasangira bashonje ntawusigariza undi. |
| Abasangira basigana imbyiro. |
| Abasangira bike bitana ibisambo. |
| Abasangira uduke (ubusa) bitana ibisambo. |
| Abasobetse imisumbi ntibaba bagihishanye amabya. |
| Abatanye badatata barasubirana. |
| Abateranye imigeri ntibahishana amabya. |

| |
|---|
| Aberekeranye ntibabura kwendana. |
| Abo umwami yahaye amata nibo bamwimye amatwi (amazi). |
| Aboro babiri ntibasangira umwerera. |
| Abotanye kera ntibahishanya amabya |
| Abwirwa benshi akumva (akwumvwa na) bene yo. |
| Agafuni kabagara ubucuti ni akarenge. |
| Agahinda k'inkoko kamenywa n'inkike yatoyemo. |
| Agahinda si uguhora urira. |
| Agahwa kari k'uwundi karahandurika. |
| Agakecuru gahaze gakina n'imyenge y'inzu. |
| Agakono gashaje karyoshya ibiryo |
| Agakono gashaje niko karyoshya imboga.. |
| Agakungu gakuna imbwa. |
| Agakungu iyo gashize agashino kayora ivu. |
| Agakungu kavamo imbwa yiruka. |
| Agapfa kabuliwe ni impongo. |
| Agapfundikiye gatera amatsiko. |
| Agasaza kamwera akandi kazakamwa? |
| Agashyize kera gahinyuza inshuti. |
| Agashyize kera gahinyuza intwari. |
| Agasozi kagusabye amaraso ntuyakarenza. |
| Agasozi kamanutse inka kazamuka indi. |
| Agati gateretswe n'Imana ntigahungabanywa n'umuyaga. |
| Agatinze kazaryoha ni agatuba k'uruhinja. |
| Agatinze kazaza ni amenyo ya ruguru. |
| Ahanze ubwana hamera ubwanwa. |
| Aharaye inzara haramuka inzigo. |
| Ahari amahoro, uruhu rw'imbaragasa rwisasira batanu. |
| Ahari ubuhoro umuhoro urogosha. |
| Aho guhana umupfu wayobya umuvu. |
| Aho gupfa none wapfa ejo. |

| |
|---|
| Aho gupfa wakena. |
| Aho gutera Gitera watera ikibimutera. |
| Aho ibyago byaje ibihaba bica umuhoro. |
| Aho ihene yonnye ihoramo. |
| Aho imbwa ikubitiwe irahagaruka. |
| Aho imbwa yaririye ntihava. |
| Aho inkoko yasheshe ihata ibaba. |
| Aho inkoko yasheshe itoye kenshi. |
| Aho inkuba zerekeye ni ho ibicu bijya. |
| Aho intumbi ziri ni ho inkongoro ziteranira. |
| Aho kuba imbwa waba imva. |
| Aho kuba umusega waba imbwa. |
| Aho kunigwa n’ijambo wanigwa n’uwo uribwiye. |
| Aho udatezeumugeni ntuhanga umugayo. |
| Aho ujishe igisabo ntuhatera ibuye. |
| Aho umubembe ali ntawe utungayo urutoki. |
| Aho umutindi yanitse ntiriva. |
| Aho umwaga utari uruhu rw’urukwavu rwisasira batanu. |
| Aho uniga urahasanga umuhogo. |
| Aho utazashaka umugeni ntuhanga umugayo. |
| Aho wahishe (ujishe) igisabo, ntuhatera ibuye. |
| Aho wisigiye siho uhurira na muramu wawe. |
| Aho yanyuze (imboro) ntihaca urwango. |
| Aho yonnye (ihene) ihoramo. |
| Ak’imuhana kaza imvura ihise. |
| Akababaje ababiri karabateranya. |
| Akababaje umutima kazindura amaguru. |
| Akabaye icwende ntikoga. |
| Akabi gasekwa nk’akeza. |
| Akabikora kabizi gateka imboga karitse. |
| Akaboro, gato karuta amabya masa. |

| |
|---|
| Akabuno karusha isuka guca inshuro. |
| Akabuno ntigasa n'akabyara gasa nako birarana. |
| Akaburiye mu isiza ntikabonekera mu isakara. |
| Akabuze ubuguzi gasubira (zwa) nyirako. |
| Akagabo gahimba akandi kataraza. |
| Akaje gahimwa n'akakazanye. |
| Akaje karemerwa. |
| Akamasa kazaca inka kazivukamo. |
| Akameze ku murizo w'imbwa karimba kawuciye. |
| Akanwa karya ntikaguhe (ntiwumve) kavuza induru ntiwumve. |
| Akanyoni katagurutse ntikamenya iyo bweze. |
| Akarenze umunwa karushya ihamagara. |
| akariho karavugwa |
| Akarimi kabi gasemera agasaya. |
| Akarusha imboro kunagana baragata. |
| Akarusha imbwa kwota karashya. |
| Akaryoshye ntikariwe mu rw'undi. |
| Akatari amagara karahahwa. |
| Akazapfa kabungira akazakica. |
| Akazu gato karya ubwatsi. |
| Akebo kajya iwa Mugarura. |
| Akeza karigura. |
| Akeza karigura. |
| Akeza karimara. |
| Akicaro keza kikuramo umwana uzi ubwenge. |
| Akiziritse ku mugozi gashirwa kawuciye. |
| Akiziritse ku muhoro gasiga kawuciye. |
| Ako iminsi iteruye ntikajya karemera. |
| Ako imuhana kaza imvura ihise. |
| Ako umukobwa ashaka karamugarika. |
| |

| |
|---|
| Amaboko akorera inda yapfa akayipfumbata. |
| Amaboko atareshya ntaramukanya. |
| Amabya y’undi aryohera umugeri. |
| Amacumu y’inda ntashira igorora. |
| Amafuti y’umugabo nibwo buryo bwe. |
| Amagambo atagira mukuru arumba ari indaro. |
| Amagara araseseka ntayorwa! |
| Amagara ntaguranwa amagana. |
| Amage arisha umugabo ikivuza (igihaza). |
| Amaherezo y’inzira ni mu nzu. |
| Amareshya mugeni siyo amutunga. |
| Amarira y’umugabo atemba ajya mu nda. |
| Amarira y’umugabo atemba ajya mu nda. |
| Amashyi make yimisha umwana impengeri. |
| Amaso y’igikeri ntabuza umuvomyi kuvoma. |
| Amasunzu si amasaka. |
| Amata make amena menshi. |
| Amata y’umukobwa aba imbere. |
| Amatama masa ntasabira inka igisigati |
| Amavuta y’umugabo ni amuraye ku mubiri. |
| Amavuta y’umugabo ni amuraye ku murundi. |
| Amazi arashyuha aliko ntiyibagirrwa iwabo wa mbeho. |
| Amazi make aharirwa impfizi. |
| Amenyo amerera ku majigo, inkoni igashibuka ku gishyitsi, imishino igashibuka kuri rugongo. |
| Amenyo ni amabuye. |
| Amirariro atera amimaro. |
| Amirariro atera amimaro. |
| Arenze umusozi arivovota aramutuka. |
| Atari ayawe ntakurara kumubili. |
| Ayo impumyi uyabara itashye (inka). |

| |
|---|
| Ayo ubwira umucuzi si yo ubwira umucuzikazi. |
| B |
| Babona isha itamba bagata urwo bambaye. |
| Babona isha itamba Bagatan'urwo bari bambaye. |
| Babona zireresa amabya bakagira ngo zimya zose. |
| Babona zireresa amabya bakagira ngo zimya zose. |
| Bagarira yose ni umwana w’umunyarwanda. |
| Bagarira yose ni umwana w'umunyarwanda. |
| Bagarira yose ntuzi irizera n'irizarumba. |
| Bagarira yose ntuzi irizera. |
| Bagarira yose. |
| Bagutumye umurozi w’umugore uhera kuri nyoko. |
| Banegurana ari inenge ba nenge itirora. |
| Baranyerera yaguye Jinja. |
| Barihima ba Mujyanama yasanze bamwendera umugore yica imboro. |
| Barihima ni mwene Mujinya. |
| Batutira henshi ntibazamenya iyo bataye imihoro. |
| Bavuga ibyigondoye umuhoro ukajya imbere. |
| Bavuga ibyigondoye umuhoro ukarakara. |
| Bazirunge zange zibe isogo imboga zirura. |
| Bene amazuru meza ntibaburana n’ibya nyuma. |
| Bene imitsima bayitsimbarayeho. |
| Bigirankana bya Nirwange bamutumye isuka yo guhamba se, ati "mwayimubajije ko ari we waraye ayibitse". |
| Biguma bigeze ku munwa. |
| Birabe ibyuya ntibibe amaraso. |
| Bucya bucyana ayandi. |
| Bucya bwitwa ejo. |
| Buhoro buhoro bwagejeje umuhovu (pfu) ku ruzi. |
| Buhoro buhoro nirwo rugendo. |
| Bukorikori bwa Nyiranzikoraho yateye ibuye ati narebaga ko riboze. |

| |
|---|
| Burya mukaso ntaba ari nyoko. |
| Burya si buno. |
| Byabara usara. |
| Byagaze iruta byabuze. |
| C |
| Ca bugufi iruta jya hejuru.(ntukishyire hejuru) |
| D |
| E |
| F |
| Fata ako ni yo gabo. |
| Findi findi irutwa na so araroga. |
| G |
| Gahimandyadya na Kajogora baranywanye. |
| Gashiramazizi ka Ntibazirikana rubanda rushishwa nabi. |
| Gatindi ka Gateneneko yakenyeye agahu agateneneko agacishamo agakumwe, ati mbe bahungu no mu cyi ni ko bizahora bimeze? |
| Gesa ubw’iyo, ubw'ino ntiburerera. |
| Gira so yiturwa indi. |
| Gishira ibyara ntigishira amazi. |
| Guherekeza utagushaka bitera inzira agahinda. |
| Gusaza ni ugusahurwa. |
| Gusekera utagushaka bitera imbeho mu menyo. |
| Gusera intanyurwa ni ugusesa. |
| Gushaka ni ugushobora. |
| Gusoma mubi biruta kwirigata. |
| H |
| Haguma umwami, ingoma irabazwa. |
| Hasura uwariye. Hagatura uwejeje |
| Hobe hobe itera ibinyoro. |
| I |
| Iba ibyegereye byakizaga, urufunzo ntirwahiye. |

| |
|---|
| Iba imwe ikakugana mu ijana. |
| Ibanga ni irya babiri. |
| Ibihanga bibili ntibitekwa mu nkono imwe. |
| Ibihe biha ibindi. |
| Ibihembe by’intama ntawe umenya iyo bikura bigana. |
| Ibirenge bijya imbu kujya imbere. |
| Ibisa birasabirana. |
| Ibitwenge by’inkoko bishirira mu kwayura. |
| Ibize nabi uyima ifu. |
| Ibuguma ntishobora isibo. |
| Ibuguma y’umushino imira imikangara itanu. |
| Ibuye ryabonetse ntiryica isuka (ntiriba rikishe isuka). |
| Ibyagiye kera ibyagurukana irago. |
| Ibyara mweru na muhima. |
| Ibyaye amamasa yicungura amarago. |
| Ibyaye ikiboze iracyirigata. |
| Ibyaye ikiboze irakirigata. |
| Ibyo abahutu birya ubahutaje. |
| Ibyo abapfu birya abapfumu. |
| Ibyo ejo bibara abo ejo. [Iby’ejo bibara ab’ejo.] |
| Ibyo ihaha birushya ihambira. [Iby’ihaha birushya ihambira.] |
| Ibyo isi ni amabanga. [Iby’isi ni amabanga.] |
| Icyizere cyiraza amasinde. |
| Icyo imbwa yanze umanika aho ireba. |
| Icyo umutima ushaka, amata aguranwa itabi. |
| Ifuni ibagara ubucuti ni akarenge. |
| Ifuni y’imboro iruta umujyojyo w’igituba. |
| Igihiswe kirabora na nyiracyo akabora. |
| Igikeri cyakandagiwe n’inka kiti: uko zivuze nyamahembe. |
| Igishongore cy’umugore ni nk’icyo imbwa. |
| Igisiga cy’urwara rurerure kimennye inda. |

| |
|---|
| Igiti cyatewe n’Imana ntigihungabanywa n’umuyaga. |
| Igiti kigororwa kikiri gito. |
| Igiti kiswe umwana ntigicanwa. |
| Igiti uzacana umusaza agitera akiri umusore (Igiti umugabo azacana agitera akiri umusore). |
| Iguguna umuhini yototera isuka. |
| Iguye ntayo itayigera ihembe. |
| Ihene bayita mweru ikiririwa itarishije. |
| Ihene mbi ntuyizirikaho inziza. |
| Ihene mbi yanga mwabo. |
| Iherezo riruta intangiriro. |
| Iherezo ry'inzira ni mu nzu. |
| Ihiye nabi uyima ifu. |
| Ihunga umurinzi igwa ruhabo. |
| Ijambo ribi rivana imboro mu gituba. |
| Ijisho ridahuze ntirihaka. |
| Ijisho rikwanga nturiyoberwa. |
| Ijisho ry’imbwa ntiribuza umugabo kurya utwe. |
| Ijisho ry’umukunzi rikuririra ripfuye. |
| Ijisho ry’undi ntirikurebera umugeni. |
| Ijoro ribara uwariraye. |
| Ikimuga kiruta igiyuro. |
| Ikinyoni kigurutse kitavuze bacyita igishwi. |
| Imana ifasha uwifashije. |
| Imana ihora ihoze. |
| Imana irara ahandi igataha i Rwanda. |
| Imandwa z’abatindi zigira iyazo mirindi. |
| Imbaraga nke zitera imico myiza. |
| Imbeba yakandagiye umwite w’injangwe iti: ubugabo bwari aha! |
| Imbeba yakubise amabya ku ishyiga iti ntacyo bitwaye hazashibuka andi. |
| Imbeba yakurikiye akaryoshye munsi y’urusyo ihakura inda y’urubati. |
| Imboro mbi ni idafite ifaranga. |

| |
|---|
| Imboro mbi ni itabyara. |
| Imboro nyamuniga iruta imboro rurizo. |
| Imbura gihana yabuze gihamba. |
| Imbuto y’umugisha isoromwa ku giti cy’umuruho. |
| Imbwa yigannye inka kunnya mu rugo (barayikubita) irabizira. |
| Imfura zisangira amata ntizisangira amaraso. |
| Iminsi ikona inzovu (ingwe). |
| Iminsi irasa ariko ntihwana. |
| Iminsi iteka inzovu mu rwabya. |
| Iminsi ivuguta nta muvuba. |
| Iminsi ni imitindi. |
| Iminsi umugabo amara kwa mukeba si yo amara ikuzimu. |
| Iminsi y’umujura ni mirongo ine. |
| Iminsi yira ari myinshi igahimwa n’umwe. |
| Imirimo ibiri yananiye impyisi. |
| Imishishi y’imishino ntishira inogonora. |
| Imitunu y’igikeri ntiyirukanye abavomyi. |
| Imitunu y’urukwavu ntibuza ishyamba gushya. |
| Impamba itazakugeza i Kigali uyirira ku Ruyenzi. |
| Impamvu ingana ururo. |
| Impfizi ibyara uko ibyagiye. |
| Impfizi izira izayontigira inyishyu. |
| Impfizi ntiyimirwa. |
| Impfubyi ibaga yotsa. |
| Impfubyi yunvira mu rusaku. |
| Impyisi barayibwiye bati amayira arafunze, iti: nari nsanzwe nigendera bugorobye. |
| Impyisi y’iwanyu ikurya ikurundarunda. |
| Inda ibyara mweru na muhima. |
| Inda mbi (irimo urwango) uyiha amata ikaruka amaroso. |
| Inda nini yishe ukuze. |
| Inda y’umwanzi (yakwanze) uyiha amata ikaruka amaraso. |

| |
|---|
| Indambirwa y'iminsi yenda umurwayi. |
| Indashimwa yahawe urutugu irutwarana n'ijosi. |
| Indyarya ebyiri iyo ziryamanye, bucya ntayenze indi. |
| Indyarya ihimwa n'indyamirizi. |
| Ingabo y'umugore iragushora ntigucyura. |
| Inganyi ya cyane iganyira nugira ngo awa. |
| Ingendo y'undi iravuna. |
| Ingeso ipfa nyirayo yapfuye. |
| Ingoma idahora ni igicuma. |
| Ingona zirya bamwe abandi bambuka. |
| Ingurube ibyaye ntiribwa n'imbwa. |
| Ingwe ikurira umwana ikakurusha kurakara. |
| Ingwe ntiyari izi gufata ijosi yarabwirijwe. |
| Inka nke zigukwera nka so. |
| Inka ya Nkoronko igira inkomoko. |
| Inka yikoma isazi aho igeza umurizo. |
| Inkingi imwe ntigira inzu. |
| Inkoko iriwabo ishomba umukara. |
| Inkoko yaraye hanze iba yabaye inkware. |
| Inkokokazi iteteza nk'izindi bati ngiyo kanwa kabi. |
| Inkomyi y'amabyi irayitera. |
| Inkonda z'umwana w'undi zirarura. |
| Inkongoro yadede inywera mo dede wenyine. |
| Inkoni ikubise mukeba uyirenza urugo. |
| Inkoni ivuna igufwa ntivuna ingeso ( ntigera ku ngeso). |
| Inkono ihira igihe, n'aho wacanira ute. |
| Inkono ntihira ikibatsi ihira ikibariro (inkono ihira igihe, ntihira ikibatsi). |
| Inkono zisumbanya imbyiro. |
| Inkotsa ivuga nk'izindi bakayamagana (ngo ngiyo kanwa kabi). |
| Inkovu icitse irushya abavuzi. |
| Inkubisi yacyane irayitera (irayitarukiliza). |

| |
|---|
| Inkunguzi y’inkware ishoka agaca kayireba. |
| Inkunguzi y’inkware yashotse agaca kayireba. |
| Inkunguzi y’umuhutu yivuga mu batutsi. |
| Inkunguzi y’urukob’irihiga? |
| Inkunguzi y'igikoba yihamagarira amakara |
| Inkunzi y’imiryango icika inkangu mu nnyo. |
| Inkunzi y’imiryango ikobora rugongo. |
| Inkuru mbarirano iratuba. |
| Inkuru mbi ntiyoberana. |
| Inkururabutindi ihakwa n’uhanyaze. |
| Inkururarusya iswika nyirasenge. |
| Inkware (igiye cyera) itura mu itongo ry’uwayihigaga. |
| Inkware yinyabugingo yatoreye mwitongo ryuwayihigaga. |
| Inshakura irongorwa kabiri. |
| Inshuti ni iyo musangira mukayaga. |
| Inshyuro mbi yashubije Nkundiye iwabo. |
| Insina ngufi ntawe ntawe utayicaho ikoma. |
| Insina ngufi ntawe utayigera. |
| Insuti ziba nyinshi, iyo mwambaranye ubusa iraguma. |
| Intamenya y’umugabo irira ku muziro. |
| Intasi y’impyisi yabira maka. |
| Intege nke ntizikina zirarwana. |
| Intege nke zitera imico myiza. |
| Intenge itari iyawe, uratoboroza. |
| Inyamaswa idakenga yicwa n’umututizi. |
| Inyamibwa y’imboro ni ishyutwe. |
| Inyiturano y’umuhutu ni umusuzi. |
| Inyongera mbi ni imisuha. |
| Inyoni iguruka yisunze agati. |
| Inyoni ivuye mu cyari itaramenya kuguruka bayifatisha intoki. |
| Inzigo y’imboro ihozwa indi. |

| |
|---|
| Inzira ntibwira umugenzi. |
| Inzoga ni imfura ikanyobwa n’imfura. |
| Inzoka yakwanze uyiha amata ikaruka amaraso. |
| Inzu y’umwanzi niyo uvanyeho agasakamburiro ugira uti ahiii (burya uba ukoze). |
| Irya mukuru riratinda ariko ntirihera. |
| Iryo wavuze urarihacyishwa. |
| Isazi y’ubute ntirya igisebe. |
| Isazi yaswitse urutare iti: birabe ntangare ntanga yanjye. |
| Ishira amenyo ntishira amerwe. |
| Ishyano rigusanze mu buriri uraryerekera. |
| Ishyano rigwira nyirumugore umwe. |
| Ishyano rivurwa n'irindi. |
| Isi ntigira inyiturano. |
| Isoni zirisha uburozi. |
| Isuka ibagara ubucuti ni akarenge. |
| Isuku igira isoko. |
| Isuri isambira byinshi igasohoza bike. |
| Itanga ishatse (Imana). |
| Itegeko rirusha ibuye kuremera. |
| Ivu rihoze ni ryo ryotsa inzu. |
| Ivu rihoze ryotsa inzu. |
| Iyagukanze ntiba inturo. |
| Iyaguye ntayo itayigera ihembe. |
| Iyakitse ntawe utayikora mu nda. |
| Iyangiye aho uyemereye uyiragirira aho yamagiriye. |
| Iyangiye aho uyemereye, uyiragirira aho yamagiriye |
| Iyaseseye ntiyugururirwa. |
| Iyihuse ibyara ibihumye. |
| Iyihuse ibyara ibihumye. |
| Iyimiye mu gisigati ibarirwa bose. |
| Iyimiye mu gisigati ibarirwa bose. |

| |
|---|
| Iyo abanzi babaye benshi Imana iba mwene nyoko. |
| Iyo abavandimwe bavumbitse akaguru, uvumbura (uvanamo/ukuramo) akawe. |
| Iyo agahararo gashize uwahekwaga arigenza. |
| Iyo agashungo gashize, agashino kayora ivu. |
| Iyo amazi abaye make aharirwa impfizi. |
| Iyo bavuze ibigoramye, imihoro ihaguruka mbere. |
| Iyo butarira mukaso aba nyoko. |
| Iyo iminsi ihuze urayiba. |
| Iyo inzovu yerekeye hirya uyipfura urutsinga. |
| Iyo inzovu zirwanye, ibyatsi birahababarira. |
| Iyo isari isumbye iseseme, umugabo asubira ku cyo yangaga. |
| Iyo isari yasumbye iseseme, umugabo asubira kucyo yanze (yifuza icyo yangaga). |
| Iyo ngira ntya yari ijambo ni uko yaje nyuma. |
| Iyo nyokobukwe akunze ukurura ihururu. |
| Iyo umuntu agukoreye nabi aba akwigishije. |
| Iyo umutindi yanitse ntiriva. |
| Iyo urugo rwarazwe imishino, umwana w'umukobwa avukana itanu. |
| Iyo uruhahirwa na babiri rutazanye ibinyoro ruzana mburugu. |
| Iyo usanze abavandimwe bavumbitse akarenge uvanamo akawe. |
| Iyo usanze imbwa yuriye igiti, uhita ubaza uwayurije. |
| Izina ni ryo muntu. |
| Izotanye zisigana ivu. |
| J |
| K |
| Kabutindi igumbashya inkoko. |
| Kabutindi itera umugore kwikuruza. |
| Kamenyero yenze nyina. |
| Kami ka muntu [k'umuntu] ni umutima we. |
| Kanga mu jisho ntikanga mu kanwa. |
| Karabaye ntiyendwa. |
| Kirazira kugirira umwana nabi. |

| |
|---|
| Kiriziya yakuye kirazira. |
| Kirya abandi bajya kucyirya kikishaririza. |
| Kitirirwa umwana kagatera nyina akabondo. |
| Kora ndebe iruta vuga numve. |
| Kuba imbwa si ukumoka. |
| Kubwira utumva ni nko guta inyuma ya Huye. |
| Kubyara ni ugusubiza ingobyi imugongo. |
| Kugabirwa kwitura kurutwa n’igihango cy’umucyene. |
| Kugenda bitera kubona. |
| Kugera kure si ko gupfa. |
| Kuramutsa utagushaka bitera imbavu imisonga. |
| Kure ni mu nda. |
| Kurya bike ni ukubikena. |
| Kuvuga menshi siko kuyamara. |
| Kuzinduka kw’inkoko ntikwayibujije kunnya ku butanda. |
| Kuzinduka kwa rusake ntikwayibujije kunnya mu nzu. |
| Kwa Bugabo bavuza induru, kwa Bwoba havuga impundu. |
| Kwa nyokorome uherekwa na nyoko. |
| Kwikiriza ntibibuza uwanga kwanga. |
| L |
| M |
| Maguru ya sarwaya yasize imvura n’umuyaga. |
| Mpana umupfu yananira nkamwoshya. |
| Mpemuke ndamuke yagambaniye uwamuhaye inka. |
| Mu gihugu cy’impumyi uwo ijisho rimwe aba ari umwami. |
| Mu nda ni kure. |
| Mujinya wa Nyamwijinya yasanze umugore we yasambanye aragaca. |
| Mukuru w’ijambo ni irindi. |
| Mukuru w’ijambo ni irindi. |
| Murankorere ibindi nzivomera. |
| |

| |
|---|
| Mwa nyina wundi ni mwa nyiranyenga. |
| Mwene samusure avukana isunzu. |
| N |
| N’inyange zirapfa nkaswe ibyiyoni. |
| N’izibika zari amagi. |
| Na nyina w’undi abyara umuhungu. |
| N'abantu barapfa. |
| Naho Miseke ndarwana. |
| Nari umugabo ntihabwa intebe. |
| Ndaguhaye iruta ndakuzirikana. |
| Ndakureba ukanshisha naho hasi warashize. |
| Ndakwanze ntijya ivamo ndagukunze. |
| Ni ikizi (ikizwi na) bose nk’umuravumba (nk’agacuma k’amagambo). |
| Nsabira nsome irutwa n’insangirano. |
| Nshimwe nshimwe y’umugore yamukoboye injuma. |
| Nshimwe y’umukobwa ikobora injuma |
| Nta baronkera rimwe nk’abaca imisigati. |
| Nta batana badatandukanye. |
| Nta bugabo buruta ububwa. |
| Nta bworo burama nkubwo ikirenge. |
| Nta byera ngo de. |
| Nta gahora gahanze. |
| Nta giti kibura inyoni ikigwaho. |
| Nta gufwa ry’umusundi rirenzwa urugo. |
| Nta kabura imvano. |
| Nta kurama kudapfa. |
| Nta mboro mbi yambaye ifaranga. |
| Nta mubi wisize. |
| Nta mugabo umwe. |
| Nta mugani uva ku busa. |
| Nta muheza w’ibyo isi. [w’iby’isi.] |

| |
|---|
| Nta mukobwa utagira umubwira ati erecyera hino. |
| Nta munyagara w'inyama. |
| Nta mupfu w'itabi. |
| Nta murozi wabuze umukarabya. |
| Nta muteja w'imboro. |
| Nta muzindutsi wa cyane watashye mu mutima w'undi. |
| Nta mwami uba akabeba. |
| Nta mwami uba umugaragu (akabeba). |
| Nta mwami wica, hica rubanda. |
| Nta mwinjira ugira ijambo. |
| Nta mwiza wabuze inenge, na Nyirahuku agira amabinga. |
| Nta nkokokazi ibika isake ihari. |
| Nta nkuba ikubita umunyabugingo. |
| Nta nkumi yigaya ikibero (itako, ubuto), n'irwaye igisebe ica inzaratsi. |
| Nta nkumi yigaya. |
| Nta nyama itarya umutsima. |
| Nta rutugu rukura ngo rusumbe ijosi. |
| Ntawanga kugwa aheza. |
| Ntawanga kuryama ngo atarota. |
| Ntawanga umuruho ashyukwa. |
| Ntawe ubura ishyano ashyukwa. |
| Ntawe uhisha uwo ahishaho. |
| Ntawe ujya mu ishyamba ngo abure ishyano akurayo. |
| Ntawe unanira abamushuka ananira abamuhana. |
| Ntawe uneza rubanda. |
| Ntawe urata inkovu z'imiringa. |
| Ntawe uribara nk'umuto waribonye. |
| Ntawe urutwa yenda. |
| Ntawe urya inka nka nyirayo. |
| Ntawe urya umuntu ngo ananirwe n'urutoki. |
| Ntawe usesa uwo acyota. |

| |
|---|
| Ntawe ushaka uko nyina yashatse. |
| Ntawe uta akanyaga atagahambuye. |
| Ntawe utinya ijoro, atinya icyo bahuriyemo. |
| Ntawe utinya uwo yatutse. |
| Ntawe utunga izo adashitura. |
| Ntawe uvuma iritararenga. |
| Ntawe uyoberwa umwibya, ahubwo ayoberwa aho amuhishe. |
| Ntawiheba ritararenga. |
| Ntawivuga nabi ameza ahari. |
| Ntawiyaga (ntawivuga) amabi ameza ahari. |
| Ntayo iyoberwa iyayo mu mwijima. |
| Ntayuzura nkiyali ihali. |
| Ntihaba bapfana iki. |
| Ntihaba gutunura haba Imana ikurebera. |
| Ntinde bankumbure yasanze baramwibagiwe. |
| Ntugahandwe ku rurimi ikirenge gihari. |
| Nubakira imisure sinishinze imilizo yazo. |
| Nuhigimye aba avuze. |
| Nuwapfuye ejo ntaririrwa. |
| Nuwaraya imbwa yarya inzungu. |
| Nuwendeye nyina mu nyenga yaramenyekanye. |
| Nyamwanga kwumva ntiyanze kubona. |
| Nyamwanga yanze n’uwamuhaye inka. |
| Nyina w’umukungu ntabyina nabi. |
| Nyirakarimi kabi yatanze umurozi gupfa. |
| Nyiramaso yerekwa bike ibindi yirebera. |
| Nyirambigirambizi yiciye ururasago ku gituba rwanga kuva ati: turaturanye n’ejo nzongera. |
| Nyiri ibyago ibyatsi bimwima inzira. |
| Nyiri impare niwe umenya uko ayigobeka. |
| Nyiri inkota ni uyifashe akarumyo. |
| Nyirumupfu ni we ufata ahanuka. |

| |
|---|
| Nyirumutwe munini ntarengwa n’imijugujugu. |
| Nyokobukwe si umuko. |
| Nyokorome akuruma akurora. |
| Nzapfa nzakira simbizi. |
| O |
| P |
| R |
| Ribara uwaribonye. |
| Ruliye abandi rutakwibagiwe. |
| Runo si u Rwanda ni urwandiko. |
| Rurarya ntiruhaga. |
| Ruza rutwara abaseka. |
| S |
| Sakindi izaba ibyara ikindi. |
| Sakwe sakwe irutwa na so araroga. |
| So aguha umugore ntamukwendera. |
| So ntakwanga, akwita nabi. |
| T |
| Tega amatini ngo urabona amatuba. |
| Tuza duturane. |
| U |
| Ubabaye niwe ubanda urugi. |
| Ubamba isi ntakurura. |
| Ubitse munda imbwa ntimwiba. |
| Ububwa buravukanwa. |
| Ubugabo butisubiraho bubyara ububwa. |
| Ubugabo si ubutumbi. |
| Ubugore si amabere n’ihene irayagira. |
| Ubukana bw’imbwa bushirira mu imoka. |
| Ubukana bw’umwungu ntibwotsa urutaro. |
| Ubukene si ikineguro. |

| |
|---|
| Ubunini si ubugabo. |
| Ubunwa bwagusomeye umugabo burakwongrera ntiwumve. |
| Ubupfura buba mu nda. |
| Uburebure si ubwenge. |
| Uburere buruta ubuvuke. |
| Uburere bwiza bucisha imfura mu mwijima. |
| Uburiye umubyizi mu kwe ntako aba atagize. |
| Uburo bwinshi ntibugira umusururu. |
| Ubusa burimara. |
| Ubusabusa buruta ubusa. |
| Ubusabusa bw’umusundi buvura imboro umusonga. |
| Ubusambo ni bubi. |
| Ubushiki ni uburibwa. |
| Ubushyitsi buribwa ni muramu w’umuntu. |
| Ubutegetsi si ubukonde. |
| Ubuto bw’isha ntibusobanura inzara. |
| Ubuze icyo atuka inka agira ati dore icyo gicebe. |
| Ubuze inda amena imigi. |
| Ubuze uko agira agwa neza. |
| Ubwenge buke burushya amaguru |
| Ubwenge burarahurwa. |
| Ubwenge buza nyuma y’uburagi. |
| Ubwenge buza ubujiji buhise. |
| Ubwira intumva ata ibiheko. |
| Ubwira umuzi ntavunika. |
| Ubwiru bw’ingomabumenywa n’umwiru na nyirayo. |
| Ubwiza bw’intobo ntibuyibuza kurura. |
| Ubwiza bw’umukobwa ntibwamubujije kuruha. |
| Ubyaye nabi aramutswa (atukwa) n’abakwe. |
| Ubyina iwabo arasebwa. |
| Ubyinana na mucyeba ntahumbya. |

| |
|---|
| Ubyinana na mucyeba ntahumbya. |
| Uca imisoto y’inda ntafasha umuhoro hasi. |
| Uca mw’ishyamba utazi ugaca inkoni utazi. |
| Uca urubanza rw’abavandimwe arararma. |
| Ucira injiji amarenga amara ibinonko. |
| Ucyenze rimwe ntaba akimaze. |
| Ucyeza abami babiri aba ashaka twange umwe. |
| Udapfuye arakira. |
| Udashinga ntabyina. |
| Ufinura itari iye ageza ku mukondo. |
| Ufite gisegura anaga ijosi. |
| Ufite icyo abunza bwira aguze. |
| Ufite umufata ijosi ararigwandika. |
| Ufite umusegura agonda ijosi. |
| Ugaburira uwijuse bararwana. |
| Ugaya ibye abyibiramo. |
| Ugaya impundu z’urushishi, areba amatama ziturukamo. |
| Ugiciye inkondo siwe ugicundamo. |
| Ugirirwa neza n’uwo yayigiriye aba agira Imana. |
| Ugiye iburyasazi azimira nzima. |
| Ugiye iburyasazi azirya mbisi. |
| Ugucumise ingufi ntaba akwimye indende. |
| Uguhaye akubonye arutwa n’uguhaye akuzirikanye. |
| Uguhiga ubutwari muratabarana. |
| Uguhimye atiretse ..... |
| Uguhishe ko akwanga umuhisha ko ubizi. |
| Ugusumba arakumanurira. |
| Ugusuriye ntumusurire akwita ikibura nnyo. |
| Ugusuriye ntumwishyure akwita akarondwe. |
| Uhagarikiwe n’ingwe aravoma. |
| Uhana umusore,amuhana agaruka. |

| |
|---|
| Uhaze ikivuge, ntabura ikivugo. |
| Uhenera umukunzi ntamuhisha innyo. |
| Uhiga ubutwari n'umugore aragarama. |
| Uhima igisambo arakibitsa |
| Uhima inda arayirariza. |
| Uhisha mu nda imbwa ntimwiba. |
| Uhishira umurozi akakumaraho abana. |
| Uhonga umwanzi amara inka. |
| Uhongera umwanzi amara inka. |
| Ujya gutera uburezi arabwibanza. |
| Ujya gutumira sakabaka aba yujuje inyama ibitebo. |
| Ujya kugaya impundu z'urukwavu abanza kureba imisaya ziturukamo. |
| Ukandagira agahungu ntahonyora. |
| Ukize baraza. |
| Ukize ububwa abukubitira undi. |
| Ukize ubusore arabubagira. |
| Uko umugabo aguye si ko amabya ameneka. |
| Ukora icyo azi yendwa ahetse. |
| Ukorora acira aba agabanya. |
| Ukoze hasi yibutsa undi ibuye. |
| Ukubarira akubeshya agira ati:nupfa tuzajyana. |
| Ukubira cyane ukamaramo n'ubwalimo. |
| Ukubise imbeba ntarobanura izihaka. |
| Ukubise imbwa aba ashaka shebuja. |
| Ukuboko kwafashe ingoma ntukuyirekura keretse baguciye. |
| Ukubwiye ubusa umusubiza ubundi. |
| Ukujana ninjoro umushima bukeye. |
| Ukumoka kw'imisega ntikubuza abagenzi guhita. |
| Ukuri gushirira mu biganiro. |
| Ukuri kunyura mu ziko ntigushye. |
| Ukuri ntikwica umutumirano. |

| |
|---|
| Ukurushije umugore akurusha urugo. |
| Ukwanga atiretse arakubwira ati: cyo turwane. |
| Umanika agati wicaye wajya kukamanura ugahagarara. |
| Umubabaro w'umwana umenywa na nyina. |
| Umubyeyi gito aremaza umwana igituba. |
| Umugabo arigira yakwibura agapfa. |
| Umugabo asiga imbwa. |
| Umugabo mbwa anyagiranwa n'abandi ati jye naboze. |
| Umugabo umwe agerwa kuri nyina. |
| Umugabo yagiye kunnya inyuma y'igihuru impyisi irahuma, ati: wahuma wagira, intambara nk'iyi inyigeze kabiri yansubira twatongana. |
| Umugabo yakubitiwe mu nsi yurugo rwa munywanyi we ntiyatabarwa ati kubana n'imbwa ndekeye aho. |
| Umugabo yatutse undi ati uragapfa undi nawe ati nzagaya imwba izansangayo. |
| Umugani ugana akariho. |
| Umugaragu aruta ingaruzwa muheto. |
| Umugore abyara uwawe ntaba uwawe. |
| Umugore amenya ayo umukazana mu nkiko, ntamenya ayo umukobwa mu mpinga. |
| Umugore arabyina ntasimbuka. |
| Umugore asasira uwishe se. |
| Umugore bamukubitiye gusambana ati: nasekwa nutarakimeze. |
| Umugore gito agutatira aguseguye. |
| Umugore gito arutwa n'inkingi. |
| Umugore gito arutwa n'umwanzi gica. |
| Umugore gito ntimubura kubyarana. |
| Umugore gito ntimujyana iwabo. |
| Umugore gito ntumusigaho impfubyi. |
| Umugore mubi agirwa n'ingongo y'umuhoro. |
| Umugore mukina agukinze umutima, wateba akagutambuka ajya gushaka imbere ye. |
| Umugore musangira amata ntimusangira amazi. |
| Umugore mwiza asegura inkokora inkoko zikarinda zibika. |

| |
|---|
| Umugore mwiza ntaba uwawe, yaba uwa mukuru wawe. |
| Umugore ni intwari, umukanira ----- impinduka yaza akaguta mu nganigani. |
| Umugore ni nyampiga. |
| Umugore ni umutima w'urugo. |
| Umugore ni uwo umuryango. |
| Umugore ntacyo bitwaye abyara umwana wampamagariraga iki. |
| Umugore ntajya kurarika, iyo araritse abuza n'uwari kuza. |
| Umugore si umwiza nk'uwumva. |
| Umugore umukamira impenda (amashyo) impinduka zaza ati ntacyo wigeze umpa. |
| Umugore umurika mu mbere yandurura, aba yereka imbeba. |
| Umugore umwita inka ya Rwogera wamwikura akagukura mu rugo. |
| Umugore umwita inka ya Rwogera wamwikura wamwikura mukajya i bwami. |
| Umugore umwita Nyirabarenzi yajya kuvoma akamena ikibindi. |
| Umugore umwita shenge warimukura mugakura inkingi. |
| Umugore uri ku mutiba ntabura umutima. |
| Umugore utazakurushya inkanda agucura agutaha ho. |
| Umugore w'icyongezankoni abwira umugabo we ngo niwe ruzire. |
| Umugore w'inkoramwuga, abishima yikoze mu nda. |
| Umugore w'ubwenge n'umugabo we iyo uburo bweze bagura ibirago bibiri. |
| Umugore w'ubwenge yonka undi. |
| Umugore w'umupfu agirango mukeba yagabuye. |
| Umugore w'umupfu akubitirwa ku ibuga. |
| Umugore w'umupfu amena ibanga ry'umukamaye. |
| Umugore w'umupfu arikirigita agaseka. |
| Umugore w'umupfu arya imbuto agasiga intabire. |
| Umugore w'umupfu aseka ikibi. |
| Umugore w'umupfu ateka bwije, umugabo akamuhinduka atihinduye. |
| Umugore w'umupfu yarikirigise araseka. |
| Umugore w'umupfu yicara nk'uwashyikiriye. |
| Umugore w'umupfu, yaje rugezo abyara shikama. |
| Umugore w'umusaza ntaherekeza urwenya. |

| |
|---|
| Umugore w'undi araryoha. |
| Umugore wihenda yitwa bantanze urusyo. |
| Umugore yaryamanye n'ikiremba ati nambariye ubusa ubundi. |
| Umuhanga wo kurya arara akarabye. |
| Umuhigi uri kure ntaramurira imbwa. |
| Umuhini mushya utera amabavu. |
| Umuhungu w'icyiremba yarongoye umukobwa urwaye intinyi ati unyorosoye nabyukaga. |
| Umuhutu agira inzara ntagira inzika. |
| Umuhutu ntashimwa kabili. |
| Umuhutu urenzwe arenza nyina akaguru. |
| Umuja aruta umugore mubi. |
| Umujinya w'imbwa ushirira mu kuzunguza umurizo. |
| Umukecuru yanyaliye imbaragasa iti: ulitonde n'iyumuhindo yaransize. |
| Umukecuru yirebye amaguru ati bumba butama waratamiye. |
| Umukobwa aba umwe agatukisha bose. |
| Umukobwa bamushima ingendo akarenga iwabo. |
| Umukobwa w'ubwira asambana asabwa. |
| Umukobwa w'umupfu asuzuguza umuryango. |
| Umukobwa w'umutima yubahisha umuryango. |
| Umukobwa wabuze umuranga yaheze mwa nyina. |
| Umukobwa wahiriwe yibwira ko akirusha abandi. |
| Umukunnyi aruhira umuswezi. |
| Umukunnyi mutindi akunira impare. |
| Umukunnyi wa cyane yikururiye abaswezi (Umukunnyi yaruhiye umuswezi). |
| Umukwe ntaba umwana. |
| Umukwe w'isoni ahera mu mfuruka. |
| Umukwe w'umupfapfa yarebye imisumbi ya nyirabukwe. |
| Umuntu apfumbata uwo begeranye. |
| Umuntu asiga akamwirukaho ntasiga akamwirukamo. |
| Umuntu asinda akariho. |
| Umuntu yibyarira ikishi. |

| |
|---|
| Umuntu yigishwa imico mibi n’abandi. |
| Umunyabukorikori yirutse ku bimusiga, yihisha ibimubona, yihishurira ibyapfuye. |
| Umunyandugakazi yaragumiwe ati: mbure umugabo mbure n’umukiga? |
| Umunyazi wa cyane yikururiye abasambanyi. |
| Umunywanyi wa benshi apfa akererewe. |
| Umupfu ntabura umupfunya. |
| Umurenzaho (umurenzo) wera ibijumba. |
| Umuruho ntiwabira habira nyirawo. |
| Umusaza uhaze akina n’imyenge y’inzu. |
| Umusazi arasara akagwa ku ijambo. |
| Umusazi asiga akamwirukana, ntasiga akamwirukamo. |
| Umusazi w’umukecuru yabonye uw’umusore yiruka ati nangwa nawe uracyabiharaye. |
| Umushishi w’umushino ntushira inogonora. |
| Umushumba yakubise undi ati: genda shahu turacyaragiranye. |
| Umusonga wundi ntukubuza gusinzira. |
| Umuswezi w’umuhanga anyaza n’utarakunnye. |
| Umuswezi w’umuhanga ntarobanura ibituba. |
| Umutanyu w’ingoma uruta ihundo rizima. |
| Umutavu w’urulimi iyo waciye ikiziliko ntawe uwutangira. |
| Umutego mutindi ushibuka nyirawo akiwurora. |
| Umutego mutindi wica nyirawo. |
| Umutemeli wishavu ni ijosi. |
| Umuti w’impaka ni uguceceka. |
| Umuti w’ubusore ni ukurongora. |
| Umuti w’ubutindi ni ukwanga guhemuka. |
| Umutima muhanano ntiwuzura igituza. |
| Umutima usobetse amaganya ntusobanura amagambo. |
| Umutima w’imfubyi watanze umutwe w’umusaza kumera imvi. |
| Umutindi ntacyira niyo akize ntakira uko yabaye. |
| Umutindi ntakiza undi. |
| Umututsi umusembereza mu kirambi akagutera ku buriri. |

| |
|---|
| Umututsi umuvura amaso akayagukanurira. |
| Umututsi umuvura amenyo ejo akayaguhekenyera. |
| Umutwa ararengwa agatwika ikigega. |
| Umutware yakubise umugaragu ati urakoze databuja. |
| Umutware yicarira intebe undi ayibajisha. |
| Umutwe umwe wifasha gusara, ntiwifasha gutekereza. |
| Umuwitonze ntiyandura |
| Umwambari w’umwana agenda nka se. |
| Umwami akwicira so agacyura nyoko. |
| Umwami akwicira so ugakoma yombi uti: umugome yapfuye nyagasani. |
| Umwan zi aba mwa nyoko ntaba kure. |
| Umwana apfa mu iterura. |
| Umwana apfira mu iterura. |
| Umwana murizi ntakurwa urutozi (ntakizwa intozi). |
| Umwana murizi ntakurwa urutozi. |
| Umwana ni umutware. |
| Umwana umuhana avayo ntumuhana ajyayo. |
| Umwana umwe si umuryango. |
| Umwana utataramanye na se ntamenya umurage wa sekuru. |
| Umwana utenguha bwira aneye rimwe. |
| Umwana utumvira se na nyina yumvira ijeri. |
| Umwana uzaheka ntumwicisha urume. |
| Umwana w’umuja ukubitirwa ku mazi nyina yavomye. |
| Umwana w’umwingingano umuha amata akaruka amaraso. |
| Umwana w’undi abishya inkonda. |
| Umwanda ugira akazu. |
| Umwanzi agucira akobo Imana igucira akanzu. |
| Umwanzi ntaba kure. |
| Umwera uturutse ibukuru ukwira hose. |
| Umwibone (inshiziyamanga) w’umugore yabwiye umwami ati nijye wakakwemeye. |
| Umwijuto w’ikinonko ugirango imvura ntizagwa. |

| |
|---|
| Unera agati kikubiranyije wahaguruka kakayagutera. |
| Ungaye guhera ntungaye gutinda. |
| Upfuye akuruta niyo mugeze ikuzimu arakuruta. |
| Upfuye arapfurikwa. |
| Uraritswe i bwami abanza irage. |
| Uratinda ngo ukumburwe, ugasanga waribagiranye. |
| Uri ibuzimu azunguza ajyana iwabo. |
| Uri mwanyina aruma umuheha akongeza undi. |
| Urose nabi burinda bucya. |
| Uruboza rururta ururumbya. |
| Urubwa ruruta ububwa. |
| Urubyiruye iimpaza ntirubura impagarara. |
| Urucira mukaso rugatwara nyoko. |
| Uruciye mu nsi ntamenya ikiruri imbere. |
| Urugiye kera ruhinyuza intwari. |
| Urugo ni urufite igikali. |
| Urugo rw’umwanzi rurutwa n’itongo. |
| Urugo rw’undi ruribwamo ntirusegetwamo. |
| Urugo rwarazwe imishino umwana avukana itanu. |
| Uruka ntafata uhitwa. |
| Uruma Isi arahuha. |
| Urumbije umugore ntasarura umwana. |
| Urupfu rw’imbwa ni inyama. |
| Ururimi rubuze icyo ruvuga rubwejagura mu kanwa. |
| ruriye abandi rutakwibagiwe. |
| Urushyize kera ruhinyuza intwari. |
| Urutugu ntirukura ngo rurenge ijosi. |
| Urwishe ya nka ruracyayirimo. |
| Urwishigishiye ararusoma. |
| Urya inshuro n’incuti bigashira udahaze. |
| Urya urw'undi ntarwara inzoka. |

| |
|---|
| Usanze nyina ashaje avuga ko inka za se zapfuye ubusa. |
| Usanze umwana w'undi arya amabyi aramubwira ati: komeza. |
| Useka usuze bwacya ukannya. |
| Usenya urwe umutiza umuhoro. |
| Ushaka amahoro yenga amahore. |
| Ushaka inka aryama nka zo. |
| Ushaka ko imboro zambuka uruzi abanza ibituba. |
| Ushaka kugishira ipfa aracyibyarira. |
| Ushaka ntababarira imisundi. |
| Ushaka uko nyina yashatse amara amazu. |
| Ushaka umushaka asanga umweko woroshye. |
| Ushaka umushaka asanga umweko woroshye. |
| Ushaka urupfu asoma impyisi. |
| Ushize impumu yibagirwa icyamwirukankanaga (icyazimuteye). |
| Ushyingura amurika aba yereka imbeba. |
| Usiga umugeni ku cyanzu ukajya kwenda uwo ku cyavu. |
| Usiga umwanzi amara isimbo. |
| Usurana umujinya ukinera. |
| Usuze agirwa no kunutsa. |
| Usuzugura agatuba ka mucyeba kakagutwara umugabo. |
| Utabusya abwita ubumera. |
| Utaganiriye na se ntamenya icyo sekuru yavuze (yasize avuze). |
| Utagera aragereranya. |
| Utagera ibwami abeshywa byinshi. |
| Utagira nyirasenge arisenga. |
| Utagira ubwoba aba atagra ubwenge. |
| Utagira uwo atuma arituma. |
| Utakwambuye aragukerereza. |
| Utaranigwa agaramye agira ngo ijuru riri bugufı (hafı). |
| Utarapfa aba akiriho. |
| Utariye ibyo upfuye arya ibyo ugiye. |

| |
|---|
| Utazi akaraye araza ifu. |
| Utazi akaraye i Fumbwe araza ifu. |
| Utazi ikibabaje umugabo amutuka gushahurwa. |
| Utazi ikimuhatse arora imboro ya se igitsure. |
| Utazi ikizakura yica umutavu. |
| Utazi inda arara yijuse. |
| Utazi ubwenge ashima ubwe. |
| Utazi umurera amureresa amabya imbere. |
| Utazi Umurundi amurunda mu nzu. |
| Utazi umwanzi ashima inda. |
| Utazi umwanzi asiga umubiri. |
| Utera uburezi arabwibanza. |
| Uticaniye ntarahurira undi. |
| Utinura itari iye ayigeza ku mabya |
| Utuka utamutuka aba yitutse. |
| Utuma abahutu atuma benshi. |
| Uvoma yanga avoma ibirohwa. |
| Uvuze ko nyirurugo yapfuye si we uba amwishe. |
| Uwabike ntasaba arasumbakaza. |
| Uwabuze imfura ata ibiheko. |
| Uwagumiwe ahagamwa n’amazi. |
| Uwahawe n’Imana ntiyamburwa n’umuyaga. |
| Uwambaye ikirezi ntamenya ko cyera. |
| Uwambaye ubusa ni we ugira ndende. |
| Uwanga amazimwe abandwa habona. |
| Uwanga gutenguhwa atuma mukuru. |
| uwanze kumva bwira aneye rimwe |
| uwanze kumva ntiyanze kubona |
| Uwanze kwumva abwirwa ari uko amaso atukuye. |
| Uwanze kwumva ntiyanze kubona. |
| Uwanze kwumvira se (na nyina) yumvira ijeri. |

| |
|---|
| Uwanze nyakabwana ayangana n'ibyana byayo. |
| Uwarerewe n'Imana agira ngo arusha abandi guhana. |
| Uwariwe n'inzoka atinya n'umunyorogoto. |
| Uwarose nabi burinda bucya. |
| Uwarya amabyi yarya ikirundo. |
| Uwashatse neza ahura n'uwashatse nabi akamuseka agakwenkwemura. |
| Uwashirijwe n'intorezo ntiyadonderwa n'irago. |
| Uwenze make (amarwa) ntaba yanze ababo. |
| Uwenze uwo undi yiga gusya. |
| Uwiba ahetse aba abwiriza uwo mu mugongo. |
| uwiba ahetse aba yigisha uwo mugongo |
| Uwibeshya ahomera iyonkeje. |
| Uwica imbeba ntababarira ihaka. |
| Uwicishije inkware ukwaha ahora akumanitse. |
| Uwifuje umugisha w'undi annya ibuye. |
| Uwifuza icyo azabona aravuga ngo icyampa ngapfa. |
| Uwigize igihuru anebwamo. |
| Uwigize igitebo ayora ivu. |
| Uwirinda imishyukwe ayinyarira hakiri kare. |
| Uwitonze (ugiye kera) akama ishashi. |
| Uwitonze akama ishashi. |
| Uwitonze atoragura icyatakaye. |
| Uwitonze atura mu itongo ry'inkuba. |
| Uwitumiye yitwaza intebe. |
| Uwiturwa ineza n'uwo yayigiriye aba agira Imana. |
| Uwivumbuye n'ubundi aba yivumbitse. |
| Uwiyishe ntaririrwa. |
| Uwo kitararya (kitarahanda) agira ngo nta menyo kigira. |
| Uwo uzaheka ntumwicisha urume. |
| Uwo zivugutiwe ni wo zinywa. |
| |

| |
|---|
| Uwububa abonwa n’uhagaze. |
| Uyambariza ku ziko ikagusiga ivu. |
| Uyikura mu kabindi ikagukura mu bagabo. |
| Uzabona uri i Rwanda. |
| Uzangaye guhera ntuzangaye gutinda. |
| Uzangaye gutinda ariko ntuzangaye guhera. |
| Uzapfa akakurushya ntakagucure. |
| Uzasya mvome. |
| V |
| Vuguziga ni umwana w’Umunyarwanda. |
| W |
| Wabanguka ngo ushimwe, ugasanga umugayo wagutanzeyo. |
| Wanga gucyura ihene hakibona, bwakwira ugahebeba nka yo. |
| Wanga kwenda umuja bugacya atwite. |
| Wigana ingendo y’undi ugatagataga. |
| Wikanira umugisha w’undi ukannya ibuye. |
| Wima igihugu amaraso, imbwa zikayanwera ubuntu. |
| Wiringira amahoro amaherere ari inyuma (yaraye ku nzira). |
| Wiringira ijosi rikakubyarira umwingo. |
| Wirukana imbwa akari kera ukayimara ubwoba. |
| Wirukana umugore uguguna igufa ukazana urimira bunguri. |
| Wishinga imishinga y’imishino ugasarura imishumi y’ishati. |
| Wishinga innyo y’undi iyawe ikarangara. |
| Witaba kare ugatumwa kure. |
| Y |
| YEZU ATI WABIMENYE |
| Z |
| Zikama ababiri. |
| Zikama abahari |
| Zikamwa ayo zitahanye. |

- 

Retrieved from "https://rw.wikipedia.org/w/index.php?title=Imigani_migufi_y’Ikinyarwanda&oldid=76334"

---

**Last edited 3 months ago by Endikuemmy**

**Wikipedia**

Content is available under CC BY-SA 3.0 unless otherwise noted.